REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GICURASI 2023

10 Kamena 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GICURASI 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 14,1% mu kwezi kwa Gicurasi 2023 ugereranyije na Gicurasi 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Mata 2023 byari byiyongereyeho 17,8%.

Mu kwezi kwa Gicurasi 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 25,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 21,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 7,6%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2023 na Gicurasi 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 8,7%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2023 na Mata 2023, usanga ibiciro byaragabanutseho 1,3%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,8%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Gicurasi 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 28,2% ugereranyije na Gicurasi 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Mata 2023 byari byiyongereyeho 35,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Gicurasi, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 46%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 18,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 21,9%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2023 na Mata 2023, ibiciro byagabanutseho 3,5%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6,2%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Gicurasi 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 22,4% ugereranyije na Gicurasi 2022. Mu kwezi kwa Mata 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 28,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Gicurasi 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 39,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 19,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 15,9%.

Iyo ugereranyije Gicurasi 2023 na Mata 2023 ibiciro byagabanutseho 2,7%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 5,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2022 kugeza muri Gicurasi 2023.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2022 kugeza muri Gicurasi 2023** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | ***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*** | | | | | | | | | | | | |
| | **2022** | | | | | | | **2023** | | | | | |
| | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 12,6 | 13,7 | 15,6 | 15,9 | 17,6 | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 16,4 | 17,9 | 22,5 | 23,6 | 28,5 | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 14,8 | 16,1 | 19,6 | 20,4 | 23,9 | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,9 | 0,8 | 1,7 | 0,5 | 2,1 | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 2,3 | 1,5 | 3,5 | 1,6 | 3,8 | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 2,1 | 1,2 | 2,7 | 1,1 | 3,1 | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw